ISO 9001:2015 CERTIFIED

Ikinyamakuru k'imihindagurikire y'ikirere n°30, kigenewe abahinzi- borozi, igice cya gatatu ukwakira (21- 31), 2020

Cyasohotse ku itariki ya 2 Ugushyingo 2020

Incamake

Mu minsi cumi n'umwe y'igice cya gatatu, Ukwakira 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 31, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rikiri mu karere u Rwanda ruherereyemo, ibi byatumye imvura iboneka ahenshi mu gihugu. Imvura iri hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe ahenshi mu gihugu, uretse ku bupimiro bwa Kawangire, Rubengera na Bugarama hapimwe imvura iri munsi y'impuzandengo y'imvura isanzwe ihagwa. Igiteranyo cy'imvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Amajyepfo ku bupimiro bwa Nyamagabe aho hapimwe milimetero 132.8 mu minsi irindwi, ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali hapimwe milimetero 120.9 mu minsi itandatu, ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 110.8 mu minsi itandatu naho ku bupimiro bwa Gitega mu mujyi wa Kigali hapimwe milimetero 102.1 mu minsi umunani. Imvura nke iri munsi ya milimetero 20 yapimwe ku bupimiro bwa Kwangire na Bugarama.

Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya gatatu cy'Ukwakira, aho igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 20.1 muri Gicumbi ku bupimiro bwa Gicumbi ndetse na dogere Selisiyusi 29.9 muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 12.9°C muri Musanze ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Musanze na 19.7°C ku bupimiro bwa Bugarama. Ubuhehere bw'ubutaka twagize muri iki gice bwaari bwiza kandi buhagije kugirango imbuto z'ibihingwa bitandukanye zizamuke mu butaka.

1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira 2020.

1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi n'umwe y'igice cya gatatu cy'Ukwakira 2020. Muri iki gice imvura yapimwe yari iri hejuru y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Kawangire, Bugarama na Rubengera.



Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya gatatu cy'Ukwakira 2020

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :bulletin@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free :6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira. Ubusanzwe iki gice kigusha imvura iri hagati ya milimetero 34.7 na milimetero 71.0; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nyinshi mu bice byinshi by'igihugu cyane cyane mu mujyi wa Kigali ndetse no mu Ntara y'Amajyepfo.



Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi kw' Ukwakira

1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kw'Ukwakira 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi.

Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura hagati y'iminsi itanu n'iminsi icumi (5-10) uretse ku bupimiro bwa Kawangire imvura yaguye mu minsi itatu no ku bupimiro bwa Bugarama imvura yaguye mu minisi ibiri gusa. Imvura yaguye neza mu gihugu hose, yarihagije kugira ngo ibihingwa bikenera imvura bikure neza.



Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo

1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cy'Ukwakira 2020 bwari mu kigereranyo gisanzwe bitewe n'ibihe by'imvura ndetse n'ibicu byiganje byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buzakomeza kwiyongera mu gice cya mbere cy'Ugushyingo bitewe n'uko ibihe by'imvura biteganyijwe kwiyongera.

2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi. Mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo n'igice gito cy'amajyaruguru

y'Intara y'Iburengerazuba akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 20.1 na 26.4 ahenshi mu gihugu;uretse ku bupimiro bwa ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 29.9



Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru

2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 12.9^{0}C (Musanze) na dogere Selisiyusi 19.7^{0}C ku bupimiro bwa Bugarama. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.



Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi

3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cy'Ugushyingo (tariki 01-10) 2020

3.1 Ikirere giteganyijwe

Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 160 iteganyijwe hirya no hino mu gihugu hagati y'itariki ya 1 n'iya 10 Ugushyingo 2020. Biteganyijwe ko Intara y'Amajyaruguru, iy'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo zizabona imvura nyinshi kurusha utundi turere two mu gihugu. Imvura iteganyijwe kandi izaba iri hejuru gato y'impuzandego y'imisi icumi ibanza y'ukwezi k'ugushyingo, ibi bikaba biterwa nuko dufite isangano ry'imiyaga ryiganje mu karere u Rwanda ruherereyemo ndetse n'ubuhehere bw'umwuka buturuka mu nyanja y'Abahinde bwiyongereyeho gato ugereranyije n'uko byari bimeze mu minsi ishize. Imvura iteganyijwe kuziyongera ku matariki ya 1, n'iya 2 no kuva tariki 6 kugera mu mpera z'iminsi icumi ariko imvura nke izagwa no kuyindi minsi henshi mu gihugu. Imvura iteganyijwe hirya no mu gihugu: Imvura iri hagati ya milimetero 60 na 80 iteganyijwe mu burasirazuba bw'Uturere twa Nyagatare na Gatsibo no mu gace gato k'Akarere Kayonza kegereye pariki y'igihugu y'Akagera. Imvura iri hagati ya milimetero 80 na 100 iteganyijwe mu turere twa Kirehe, Ngoma, Rwamagana, Bugesera, Gisagara, Huye, Nyanza, Ruhango, Nyarugenge na Kicukiro.Iteganyijwe kandi mu gace gato k'uburasirazuba bw'Uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru, amajyepfo y'Uturere twa Muhanga, Kamonyi, Gasabo, Gatsibo, Gasabo ndetse n'ahenshi mu karere ka Kayonza. Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 120 iteganyijwe ahenshi muri Ngororero, mu burasirazuba bw'Akarere ka Karongi, igice cy'Akarere ka Muhanga, mu majyaruguru y'Uturere twa Kamonyi na Gasabo ndetse no mu gace gato k'amajyepfo y'Uturere twa Rulindo na Rutsiro. Imvura iri hagati ya milimetero 120 na 140 iteganyijwe

mu turere twa Rubavu na Gicumbi, amajyaruguru y'uburengerazuba bw'Akarere ka Karongi n'aka Gatsibo, ahenshi muri Rustiro na Rulindo, agace gato ka Nyabihu gahana imbibi na Rubavu, ahenshi mu majyepfo y'Akarere ka Gakenke, mu bice by'uburengerazuba bw'Uturere twa Nyagatare na Rusizi, amajyepfo y'uburengerazuba bw'Akarere ka Nyamasheke ndetse n'amajyepfo y'uburasirazu bw'Akarere ka Burera. Imvura iri hagati ya milimetero 140 na 160 iteganyijwe mu karere ka Musanze, mu majyaruguru y'Akarere ka Gakenke n'igice gito cy'amajyaruguru y'Akarere ka Ngororero na Muhanga; iteganyijwekandi mu burasirazuba bw'Akarere ka Rusizi, mu bice by'amajyepfo y'Akarere ka Karongi no mu bice byinshi by'Uturere twa Burera, Nyabihu, Nyaruguru, Nyamagabe na Nyamasheke.



Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry'imvura mu gice cya gatatu cy'Ukwakira 2020.

3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe no gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka. Muri iki gice cya mbere imirimo izibandwaho cyane ni iyo kwita ku mbuto zamaze kumera. Ibice birimo imvura nyinshi barasabwa gukurikiranira imirima yabo hafi ngo idatwarwa n'isuri. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n'ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.